# KAMONYI DISTRICT ABESAMIHIGO NEWSLETTER

## AMWE MU MAKURU YARANZE AKARERE UKWEZI KWA MUTARAMA-GASHYANTARE 2023

Hatashywe ikiraro cyo mu kirere. p.2
Ambasaderi wa Mozambique yasuye Akarere .p.3
NISR yasuzumye imihigo p.4

### UMURENGE WA KAYENZI NIWO WEGUKANYE IBIKOMBE BY'AMARUSHANWA "UMURENGE KAGAME CUP"2022/2023



Kuri sitade ya Ruyenzi mu Murenge wa Runda, niho habereye ku cyumweru tariki ya 05 Gashyantare 2023 kuva saa saba (13h00) z'amanywa imikino ya nyuma (Finale) mu marushanwa "Umurenge Kagame Cup".Aya ya ni amarushanwa ngarukamwaka aho Imirenge irushanwa hagamijwe kureba abafite impano bakwiye gukomeza gufashwa gutera imbere, iyi mikino kandi iba igamije gukora ubukangurambaga ku ishyirwamubikorwa rya gahunda za Leta zitandukanye.



Muri aya marushanwa, Ikipe y'abakobwa y'Umurenge wa Kayenzi niyo yatwaye igikombe itsinze Gacurabwenge 1-0. Mu Bahungu Umurenge wa Kayenzi na none niwo wabashije gutsindira igikombe ukaba watsinze Umurenge wa Gacurabwenge 2-1.

.Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yatanze ubutumwa ku bitabiriye yibukije ko siporo ari ingenzi mu buzima bwa muntu kandi ko akarere kazakomeza gukora ibishoboka byose hakubakwa ibikorwaremezo bifatika bishobora kwakira imikino inyunye mu mirenge ku buryo abakinnyi bazajya ababasha kugaragaza impano bafite bityo bamenyekane babe bakiteza imbere.



Umuyobozi w'Akarere yashimiye kandi Imirenge uburyo bateguye neza kandi bakitabira aya marushanwa, yizeza ko Akarere kzafasha amakipe y'Umurenge wa Kayenzi akazitwara neza mu marushanwa yok u rwego rw'Intara. Yashimangiye ko arebye umukino mwiza berekanye, ngo hari icyizere ko bazatsinda kandi ibyo bizashingira ku myitozo bagomba gukora ndetse n'inama bazagenda bagirwa igihe basuwe.

# KARAMA: HATASHYWE IKIRARO CYO MU KIRERE GIHUZA UTUGARI TWA NYAMIREMBE NA BUNYONGA



Ubwo kuri uyu wa 01 Gashyantare 2023 hizihizwaga umunsi Mukuru w'Intwari z'Igihugu kimwe n'ahandi hose mu gihugu, mu Midugudu yose igize Akarere abaturage bafatanyije n'ubuyobozi kwizihiza umunsi w'intwari z'Igihugu, ku biro by'Akagari ka Nyamirembe mu Murenge wa Karama niho habereye ku rwego rw'Akarere ibirori byo kwizihiza umunsi mukuru w'Intwari z'u Rwanda. Ni gahunda yabanjirijwe no gutaha ku mugaragaro ikiraro cyo mu kirere cyubatse ku mugezi wa Busogwe, iki kiraro kikaba ubu gifasha abatuye utugari twa Nyamirembe na Bunyonga kugenderana nta nkomyi kuko mbere iyo umugezi wabaga wuzuye watezaga ibibazo ndetse bikaba inziti y'imigenderanire.

Mukamana Salome ni umuturage ukoresha iki kiraro agiye kurangura ibyo acuruza mu isoko ndetse no gusura inshuti n'abavandimwe. Yagize ati" ni ukuri ubuyobozi bwarakoze kuba bwaratwubakiye iki kiraro kuko twagiraga impungenge zo gutambuka aha hantu twambuka tujya hakurya, by'umwihariko mu gihe cy'imvura".



Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere asaba abaturage gukomeza kugira uruhare mu kubungabunga ibikorwa bagenda begerezwa. Uyu muyobozi yagize ati" hari ibikorwa byinshi tugenda tugeza ku baturage ku bufatanye nabo cyangwa abafatanyabikorwa, icyo tubasaba ni ukubirinda ko byakwangirika kuko nicyo gikuru". Yasabye abatuye muri utu Tugari gushyira imbaraga mu kurinda iki kiraro bityo kibafashe kuko mu migenderanire yabo, mu buhahirane bwabo.

## AMBASADERI AMADI  MIQUIDADE YASUYE AKARERE KA KAMONYI

# *“Twaje hano kwigira k’u Rwanda ku buryo bwo gutubura imbuto y’ibigori kuko mu Rwanda hari intambwe mwateye” Ambasaderi wa Mozambique mu Rwanda*

KAmbasaderi w'Igihugu cya #Mozambique mu Rwanda HE Amade Miquidade n'itsinda bari kumwe, kuwa gatanu tariki 10 Gashyantare 2023, basuye ubuhinzi bw'ibigori mu gishanga cya Bishenyi mu Murenge wa Runda, mu rwego rwo kwigira ku Rwanda uburyo bwo gutubura imbuto y'ibigori hagamijwe kongera umusaruro.
Uru ruzinduko  ruri mu rwego rw’Umubano w’u Rwanda na Mozambique, umubano washinze imizi mu ngezi zitandukanye. Ambasaderi Amade Miquidade avuga ko gusura u Rwanda by’umwihariko mu rwego rw’ubuhinzi ari igikorwa gikomeye cyane kandi gifite icyo kivuze mu iterambere ry’igihugu cyabo



Umuyobozi Ushinzwe Imirimo Rusange mu Karere bwana Bushayija Fred, mu izina ry’ubuyobozi bw’Akarere yavuze ko yishimiye ko abahinzi bakorera muri Koperative Ubumwe Bishenye bamaze kugera ahashimishije mu gukongera umusaruro. Niyo mpamvu hari ibihugu bitanguye kuza kwigira kuri iyi koperative ngo ibyo rero biratanga icyizere ku iterambere ry’umuturage by’umwihariko umunyamuryango w’iyi koperative





# HAKOZWE ISUZUMA RY'IBIMAZE KUGERWAHO MU MIHIGO Y'AKARERE Y'UMWAKA WA 2022/2023

Itsinda ry'abakozi baturutse mu Kigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare kuva tariki 13-15 Gashyantare 2023 bakoze isuzuma mu Karere ka Kamonyi ryamaze iminsi 3, bareba ibimaze kugerwaho mu ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Akarere y'umwaka w'ingengo y'imari 2022/2023.

Mu nama ifungura iki gikorwa umuyobozi w'iri tsinda rya NISR bwana MUDENGE Modeste yasobanuye ko isuzuma rikorwa hagamijwe kureba uko akarere gahagaze mu kugera ku ntego z'ibikorwa bashyizeho umukono bakiyemeza kugeraho. Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare nk'urwego rufite mu nshingano gukora iri genzura, abakozi b'iki kigo bafatanya n'akarere ndetse n'abafatanyabikorwa mu kugenzura iyi mishinga harebwa uko igenda igerwaho ariko hanatangwa n'inama ku bikwiye kunozwa.





Muri iki gikorwa hasuzumwe raporo z'ibikorwa by'imihigo, hasuwe imwe mu mishinga hirya no hino mu Mirenge harebwa uko ihagaze, habaye n'ikiganiro n'amatsinda yihariye ku ruhare rwa buri rwego mu guyishyira imihigo mu bikorwa.

Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yavuze ko imihigo 112 igeze ku rugero rushimishije ishyirwa mu ngiro nubwo hakiri imishinga itararangira, ngo ariko hari icyizere ko nayo izarangira kandi bitanze. Imishinga nayo itarakorwa, hagaragajwe impamvu ndetse n'icyo Akarere gateganya gukora kugira ngo nayo ikorwe kandi mu buryo bwiza, ku bufatanye n'inzego bireba bazakomeza gukurikirana ko imbogamizi zose zihari zikurwaho.

## MUSAMBIRA: ABATURAGE BASABWE KWITABIRA SIPORO KUKO ARI INGENZI

INkuko bisanzwe ku cyumweru cya kabiri cya buri kwezi, kuwa 12 Gashyantare 2023 mu kibuga cy'umupira ku ishuri rya Ecose Musambira habereye Siporo rusange yateguwe n'Ubuyobozi bw'Akarere.




Ni siporo yaranzwe n'imyitozo ngororamubiri ndetse abitabiriye babanje gukora mchaka mchaka aribyo kwiruka byoroheje.



"Twitabire Siporo, kuko gukora siporo ni ugusigasira ubuzima buzira umuze", Dr. Nahayo Sylvere

Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yasabye abitabiriye gukomeza gukunda no gukora siporo kuko ari ingenzi mu buzima. Yasobanuye ko Akarere kamaze kubaka ibikorwaremezo bya Siporo bifatika birimo ibibuga by'umupira mu buryo bwiza hirya no hino mu Mirenge kandi bazakomeza gushakisha ibishoboka byose kugira ngo ibibuga byakira imikino inyuranye bitunganywe mu buryo bwiza.

Umuyobozi w'Akarere yanasabye abitabiriye kwirinda ubuzererezi, uburaya n'ibiyobyabwenge by'umwihariko mu rubyiruko, anibutsa ko buri wese afite uruhare rwo gutanga uburere bwiza mu muryango bityo igihugu kikarushaho kugira urubyiruko rwuje indangagaciro.

Hasigaye amezi 4 kugira ngo umwaka w'ingengo y'imari 2022/2023 urangire kuko tariki 30 Kamena 2023 nibwo uyu mwaka uzaba ushojwe; niyo mpamvu bisaba ko inzego zose zifatanya kugira ngo habeho gusenyera umugozi umwe kugira ngo imihigo yose izagerweho kandi neza.

# POLISI Y'IGIHUGU IRASHIMIRWA URUHARE RWAYO MU BIKORWA BY'ISUKU NO KURWANYA IGWINGIRA MU BANA

Ibufatanye na Polisi y'Igihugu-RNP n'Akarere ka Kamonyi.
Nyuma y'igihe ubu bukangurambaga bukorwa, iyo utereje ijisho muri santeri z'ubucuruzi, mu masoko atandukanye, mu mihanda no nkengero zayo, mu ngo z'abaturage, aho tugenda n'aho dukorera ibidutungiye ubuzima bwacu bwa buri munsi, usanga buri wese amaze gusobanukirwa no gushyira imbere ibikorwa by'isuku n'isukura, hejuru y'ibyo abaturage bamaze gusobanukirwa n'akamaro ko gutegura indyo yuzuye mu miryango yacu. Ibi nubwo ari urugamba bose basangiye kandi rugikomeza, ni umusaruro bakesha ubukangurambaga ku bikorwa by'isuku, isukura no kurwanya igwingira ry'abana, uyu ukaba ari umusanzu wa Polisi y'igihugu, ubuyobizi bw'Ubuyobozi bwite bwa Leta n'abaturage mu guharanira Kamonyi Isukuye.
"T

Kuva kuwa 15 Ugushyingo 2022, mu Karere ka Kamonyi turi mu bukangurambaga ku isuku, isukura no kurwanya igwingira ry'abana. Ni igikorwa kiri kugirwamo uruhare ku bufatanye na Polisi y'Igihugu-RNP n'Akarere ka Kamonyi.









Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee avuga ko bazakomeza kubakira ku byakozwe muri iyi gahunda kuko bitanga ikizere cy'ejo hazaza ku guharanira isuku n'isuku. Nubwo kwigisha ari uguhoza ariko icyo umuntu uyu munsi yakwishimira ngo nuko abaturage bamaze kumva ko isuku ibareba kandi ko kuba heza ari igikorwa cyiza ku mibereho yabo.

---

Hasigaye amezi 4 kugira ngo umwaka w'ingengo y'imari 2022/2023 urangire kuko tariki 30 Kamena 2023 nibwo uyu mwaka uzaba ushojwe; niyo mpamvu bisaba ko inzego zose zifatanya kugira ngo habeho gusenyera umugozi umwe kugira ngo imihigo yose izagerweho kandi neza.

# ABATWARA AMAKAMYO BIBUKIJWE KO BAKWIYE KUGIRA URUHARE MU GUKUMIRA IMPANUKA

Muri gare ya Bishenye Umurenge mu Murenge wa Runda tariki 31 Mutarama 2023 habereye ubukangurambaga muri gahunda ya #GerayoAmahoro igamije gukumira impanuka, by'umwihariko hakaba haganirijwe abashoferi b'amakamyo.

Ni gahunda ngarukamwaka itegurwa ku bufatanye na Polisi y'Igihugu, mu rwego rwo kwibutsa abakoresha umuhanda bose ko bafite uruhare rukomeye mu gukumira impanuka za hato na hato zikunze gutwara ubuzima bw'abantu.

“T

Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Jean Bosco Nsabimana yibukije ko umushoferi agomba kuruhuka bihagije, agomba kubahiriza inzira z'abanyamaguru, kwirinda kuvugira kuri phone igihe atwaye, agomba no kubahiriza amategeko y'umuhanda bityo hakabaho kubungabunga ubuzima.




Abatwara amakamyo bibukijwe ko kizira kikaziririzwa gutwara imodoka wasinze basabwe gutwara uburemere bwagenewe ikinyabiziga, kwirinda gutwara bananiwe, barwaye cyangwa igihe bumva batameze neza mu mubiri.




---

@kamonyi Toll free Helpline **4057** AbesamihigoKamonyi

**UBUMWE MWACU NIZO MBARAGA ZACU**